REPUBULIKA Y'U RWANDA

National Land Authority

# ITANGAZO RIHAGARIKA BY'AGATEGANYO IKORESHWA RY'INYANDIKOMPESHABUBASHA MURI SERIVISI Z'UBUTAKA

Kugira ngo imitangire ya serivi z'ubutaka irusheho kunozwa, Leta y'u Rwanda yashyizeho gahunda yo kwegereza serivisi z'ubutaka abazikenera kugira ngo bazibone hafi y'abo. Hashyizweho inzego zishinzwe kwakira abakenera serivisi z'ubutaka no kuzitanga ku rwego rw'Igihugu, urw'Intara, urw'Akarere no ku rwego rw'Umurenge ndetse iha abanoteri bikorera ububasha bwo gutanga serivisi zijyanye n'ihererekanya ry'uburenganzira ku butaka.

Kubera ko umuntu wese ukeneye serivisi z'ihererekanya ry'uburenganzira ku butaka (mutations) ashobora kubona noteri w'ubutaka hafi y'aho atuye kandi ku buryo bworoshye, ntibikiri ngombwa ko abantu batabasha kuboneka cyangwa badatuye aho ubutaka bwabo buherereye bashaka ababahagarira mu gihe cy'ihererekanya ry'uburenganzira ku butaka.

Mu rwego rwo gukumira ko hari abantu bakoresha uburiganya bagahimba inyandiko z'iheshabubasha (*procurations/power of attorney*) bagamije guhererekanya ubutaka butari ubwabo, ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubutaka (NLA) buramenyesha abantu bose ko bubaye buhagaritse by'agateganyo kwakira inyandiko z'iheshabubasha zakorewe imbere mu gihugu muri serivisi z'ubutaka kugeza igihe uburyo bw'ikoranabuhanga (e-notary) buri kubakwa na Minisiteri y'Ubutabera buzaba butangiye gukoreshwa.

Mu gihe hari umuntu wagira ikibazo kidasanzwe cyatuma atabasha kwihagararira yakitugezaho kigasuzumwa aciye mu Biro by'Ababitsi b'Inyandikompamo z'Ubutaka muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali cg ku cyicaro gikuru i Kigali cyangwa akatwandikira kuri emails zikurikira:

- Umujyi wa Kigali: kigalizone@lands.rw
- Intara y'Amajyepfo: southernzone@lands.rw
- Intara y'Iburengerazuba: westernzone@lands.rw
- Intara y'Amajyaruguru: northernzone@lands.rw
- Intara y'Iburasirazuba: easternzone@lands.rw

**Icyitonderwa**: Iri tangazo ntirireba inyandiko z'iheshabubasha zakorewe mu mahanga mu gihe zujuje ibisabwa.

Bikorewe i Kigali, ku wa 14/10/2025

Digitally signed by NLA(Director General)

NATIONAL LAND AUTHORITY

**NISHIMWE Marie Grâce**
**Umuyobozi Mukuru/Umubitsi Mukuru w'Inyandikompamo z'Ubutaka**